## AMABWIRIZA AGENGA ICYAMUNARA CY'IBIKORESHO

**ICYAMUNARA N°:** 11.07.022/869. /21-22/AUCTION/EUCL/DCS/FM/71

**UBURYO BWO KUGURISHA (AUCTION METHOD):** Ipiganwa binyuze mu gutangaza igiciro ku mugaragaro

Upiganwa asabwe gukurikiza ibi bikurikira:

- Utanga igiciro cy'ibikoresho ntiyemerewe kongeraho ari munsi y'ibihumbi mirongo itanu (50,000 Frw) yiyongera kuyo uwamubanjirije amaze kuvuga. Uwatsindiye icyamunara asabwa kwishyura amafaranga yose (100%) ako kanya.

- Kubera ko hari bimwe mu bikoresho biherereye muri Gatsata Substation, ku munsi wo gusura abazitabira icyamunara bazajyayo kugirango berekwe ibindi byiyongera ku biri mu bubiko i Bugesera.

- Umuntu wese uzitabira Icyamunara cy'ibikoresho, asabwe kwitwaza sheki izigamiye (Certified) y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi Magana Atanu (500,000 Frw). Nyuma y'icyamunara, abatsinzwe bazasubizwa sheki zabo, naho uzatsinda azayaheraho cyangwa ayisubizwe nyuma yo kwishyura ikiguzi cyose. Uzatsinda ntahite yishyura ikiguzi cyose ako kanya, iyo sheke izafatirwa.

- Ihererekanya mutungo rikorwa iyo uwatsinze amaze kwishyura ikiguzi cyose;

- Inyandiko imenyesha uwatsinze (Notification of award) niyo yemeza ihererekanya mutungo;

- Uguze asabwe guhita atwara umutungo akimara kwishyura ikiguzi cyose;

- Umutungo ugurwa uko uri kandi bifatwa ko ugura aba yabonye kandi azi neza imiterere yawo mbere yo kuwugura,

- EUCL ntacyo iryozwa ku mutungo nyuma y'igurishwa ryawo;

- Ku bindi bitavuzwe muri aya mabwiriza hazakurikizwa ibikubiye mu itegeko N° 50/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rigena uburyo Leta yivanaho umutungo wayo bwite ndetse n'iteka rya Minisitiri rigena imiterere n' imikorere y'utunama dushinzwe kugena agaciro k'umutungo bwite wa Leta ugurishwa; uguranwa; utangirwa ubuntu cg uvanwaho;

Bikorewe i Kigali kuwa 25/07/2022

Digitally signed by EUCL(Head of Procurement)

**Ronald MUTUNGI**
**Umuyobozi ushinzwe itangwa ry'amasoko**

**Armand ZINGIRO**
**Umuyobozi Mukuru**

ENERGY UTILITY CORPORATION LTD — MANAGING DIRECTOR